

Scene 1 - Decreasing alcohol

Agakino ka 1

Kugabanya kunywa ibisindisha (Reducing Alcohol consumption)

Abakinnyi: Ndagije na Kayitani kwa Ndagije mu gitondo.

Characters: Ndagije and Kayitani at Ndagije's home in the morning.

SFX: Igitondo cyoroheje, amajwi y'inyoni n'ihene ihebeba cyane ariko igeraho igaceceka.

SFX: A calm morning, sounds of birds and a bleating goat that eventually quiets down.

1. Kayitani: Yampaye inka! Ese ko narinje ngo tujye mu kazi nkaba mbona isindwe rikiri ryose Ndagije?

Kayitani: Oh my! I came so we could go to work, but I can still see you're very drunk, Ndagije?

2. Ndagije: Waramutse Kayitani we, ndeka undorere mbonye ndamuka ariko inzoga zamennye umutwe pe!

Ndagije: Good morning, Kayitani. Don't mind me — I managed to wake up, but the alcohol really gave me a pounding headache!

3. Kayitani: Ubu se igifundi cy'uyu munsu uragikora ra?

Kayitani: So are you really going to do the masonry work today?

4. Ndagije: Egokooo, ntibinyoroheye ariko ndihangana nyje kugakora da. Ntakoze umuryango wanjye warya iki uyu munsu?

Ndagije: Oh yes, it's not easy but I'll push myself and go work. If I don't, what will my family eat today?

5. Kayitani: Umva rero nkubwire Ndagije, ibyo byose nta kindi cyabiguteye kitari inzoga nyinshi waraye unyoye.

Kayitani: Let me tell you, Ndagije, all of this is because of the excessive alcohol you drank last night.

6. Ndagije: (Amuseke) Uziko uvuga nkaho ari ubwa mbere nyoye inzoga Kayita?

Ndagije: (Chuckles) You're talking as if it's my first time drinking alcohol, Kayita.

7. Kayitani: Ndabizi ko atari ubwa mbere ariko waraye ukabije nakugaye pe!

Kayitani: I know it's not your first time, but last night you overdid it — I really disapprove!

8. Ndagije: Ngo wangaye?

Ndagije: You disapprove of me?

9. Kayitani: Nakugaye rwose kandi n'ubu ndacyakugaya. Ubonye ngo usesagure ngo urasengera utitangira. Uzi ko umuntu wese wari mu kabari wamusengereye, nagira ngo ndakugira inama nk'umugabo mugenzi wawe yo kureka kuguma kugura inzoga ukanga kunyumva?

Kayitani: Yes, I do, and I still do. You wasted money buying drinks for others without thinking

of yourself. You know you bought drinks for everyone in the bar. I want to give you advice, as a fellow man — stop buying alcohol and refusing to listen to me!

10. Ndagije: Ndeka undorere Kayitani we, ubu rwose nanjye ndicuza ko naraye nywereye amafaranga yose none iwanjye tukaba tutari bubone amafaranga yo guhahisha uyu muni

Ndagije: Don't even remind me, Kayitani. I really regret that I spent all the money on drinks last night, and now we don't have anything to buy food with today at home.

12. Kayitani: (Atangaye) Yeee! Burya wasesaguraga kuriya iwawe nta cyo mufite cyo kurya?

Kayitani: (Surprised) What! So you were wasting money like that while your family had nothing to eat at home?

13. Ndagije: Ndeka sha Kayitani we, nanjye sinjye buriya nabitewe n'ubusinzi. Uko ngenda nywa ndushaho kwizihirwa maze ayo mfite yose nkagura buri wese nkamusengerera.

Ndagije: Don't blame me, Kayitani — it's the alcohol. The more I drink, the more I get excited, and then I end up buying drinks for everyone.

14. Kayitani: Ukizihirwa kugeza ubwo unywera amafaranga yose kandi iwawe nta cyo bafite cyo kurya?

Kayitani: You get so "excited" that you drink all the money away while your family has nothing to eat?

15. Ndagije: Ubu se ngusubize ngo iki koko? Reka ibyo tubireke Kayita. Ahubwo mbwira

Ndagije: What can I even say to that? Let's leave it, Kayita. Instead, tell me this—

16. Kayitani: Nkubwire iki Ndagi?

Kayitani: Tell you what, Ndagi?

17. Ndagije: Nimugoroba uribusubire kurisoma?

Ndagije: Are you going back to the bar again this evening?

18. Kayitani: Reka reka ndaguhakaniye Ndagi, ntabwo njyewe njya mu kabari buri muni. Nshobora kujyayo rimwe mu cyumweru kandi bimfasha kudasesagura amafaranga, bikaturinda n'amakimbirane mu rugo iwanjye.

Kayitani: No, no, absolutely not, Ndagi. I don't go to the bar every day. I might go once a week, and that helps me avoid wasting money and also prevents conflicts at home.

19. Ndagije: Ni byo? Bivuga ko njye kuba njya mu kabari buri muni ari cyo giteza amakimbirane iwanjye?

Ndagije: Really? So me going to the bar every day is what's causing problems at home?

20. Kayitani: Ni kimwe mu biteza amakimbirane iwawe rwose.

Kayitani: It's definitely one of the things causing conflict at your home.

21. Ndagije: Ariko uzi ko ari byo koko! Uzi ko iwanjye duheruka amahoro nko mu mwaka ushize! Igihe kinini nkimara mu makimbirane n'umugore wanjye Uwera, ngaho

ngo nanyoye inzoga nyinshi, ngo nta faranga ntahana mu rugo mbese duhora muri urwo!

Ndagije: You know what, you're right! The last time we had peace at home was about a year ago. I'm always in conflict with my wife Uwera — she complains that I drink too much, that I don't bring any money home, we're constantly fighting!

22. Kayitani: Hanyuma se ukumva ko Uwera akubeshyera? Ndagi, nk'umuntu w'umugabo rwose ntabwo ukwiye kunywera amafaranga yose wakoreye, kandi ufite umuryango ugomba kwitaho ntabwo ari byo rwose. Mugabo mugenzi wanjye rwose gabanya izi nzoga dore ziratuma nta kindi wimarira, ngo unakimarire n'umuryango wawe.

Kayitani: And you think Uwera is lying? Ndagi, as a man, you really shouldn't be drinking away all the money you earn. You have a family to take care of — that's just not right. As your fellow man, I'm telling you: reduce your drinking. These drinks are leaving you with nothing for yourself, let alone your family.

23. Ndagije: Uti iki Kayita?

Ndagije: What did you say, Kayita?

24. Kayitani: Nginze nti gabanya kunywa inzoga.

Kayitani: I'm begging you — reduce your alcohol consumption.

25. Ndagije: (Yiyumvire) Ubu se nareka kunywa inzoga nkabishobora koko Kayita? Ko n'umunsi umwe ntabasha kuwubaho ntarisomye ra?

Ndagije: (Thinking aloud) Do you really think I could stop drinking, Kayita? I can't even go a single day without having a drink.

26. Kayitani: Nyamara birashoboka cyane rwose.

Kayitani: But it's absolutely possible.

27. Ndagije: Ko nyewe Ndagije mwene muzehe ntaryama ntasomye ku gacupa ngo mbone ibitotsi?

Ndagije: But me, Ndagije, son of Muzehe, I can't even sleep unless I've had a drink?

28. Kayitani: Ariko se sinakubwiye ko nanjye mbere nari meze nkawe ariko byaranshobokeye ndazigabanya, najyaga mu kabari buri munsi amafaranga yose nakoreye nkayatsindayo, mu rugo rwanjye hagahora ubukene, intonganya n'inzara.

Kayitani: Didn't I tell you I used to be just like you? But I managed to cut down. I used to go to the bar every day and spend all my earnings on drinks. At home, we always had poverty, arguments, and hunger.

29. Ndagije: Ni irihe banga wakoresheje Kayita?

Ndagije: What's the secret you used, Kayita?

30. Kayitani: Nafashe ingamba, ubu iyo ngiye ku kabari nywa rimwe cyangwa abiri sinyarenza, kuva icyo gihe mfata ingamba zo kugabanya inzoga. Byatumye hari aho urugo rwanjye rumaze kugera kandi heza. Ubu iyo ngiye kujya mu kabari ntware udufaranga duke two kugura icupa rimwe cyangwa abiri, andi yose nkayasiga mu

rugo. Akaba yakoresha ibindi dukeneye mu rugo nko guhaha cyangwa kugura ibindi bikenewe mu rugo.

Kayitani: I made a decision — now when I go to the bar, I only drink one or two bottles at most. Since then, I've committed to reducing alcohol. It has really helped my household progress. When I go to the bar, I only carry a small amount of money for one or two bottles and leave the rest at home, so it can be used for other household needs like buying food or other essentials.

31. Ndagije: (atungurwe) Yego rata! Nari narayobewe impamvu ntajya nkunda kukubona mu kabari. Igomba kuba ari yo mpamvu njya kubona nkabona Kayitani waguze itungo, ejo waguze umurima, umugore wawe ino ni we uhora ahinduranya ibitenge.

Ndagije: (Surprised) Wow, no wonder I rarely see you at the bar! That must be why one day I see you bought livestock, the next day a piece of land, and your wife is always changing into new fabrics.

32. Kayitani: Ni byo rwose ni ko bimeze, aho nagabanyirije kunywa inzoga nasingiriye ubukire. Iyo ngiye ku kabari nywera make, andi nkaganira n'umugore wanjye ibyo tugomba kuyakoresha biteza imbere urugo rwacu.

Kayitani: Exactly. Ever since I reduced drinking, I started making real progress. When I go to the bar, I only drink a little, and the rest of the money — I discuss with my wife how to invest it to improve our home.

33. Ndagije: (Yumiwe) Wa mugabo we genda uri inyaryenge! Ubu se kuki utari warambwiye iri banga? Kuko utari warangiriye iyi nama mbere hose? Ariko se buriya nabasha kujyana amafaranga make mu kabari ra? Cyane ko uko ziryoha ari ko amafaranga asohoka mu mufuka..

Ndagije: (Stunned) You sly man! Why didn't you ever tell me this secret? Why didn't you ever give me this advice earlier? But seriously, would I really manage to go to the bar with just a little money? Especially since the better the drink tastes, the faster the money flies from your pocket...

34. Kayitani: Ese ubundi nkubaze Ndagije, ujya ubara amafaranga ukoresha mu kabari?

Kayitani: Let me ask you, Ndagije — do you ever calculate how much money you spend at the bar?

35. Ndagije: Reka ntekereze numve. Buri munsu njya mu kabari nkanywa uducupa tune, agacupa kamwe nkishyura amafaranga magana ane, Ubwo ku munsu ni igihumbi maganatandatu. Yampaye inka, uzi ko mu cyumweru nywera ibihumbi icumi na kimwe maganabiri byose!

Ndagije: Let me think. Every day I go to the bar and drink four bottles, each costing four hundred francs — that's 1,600 francs a day. Oh my! That means in one week I spend 11,200 francs just on drinks!

36. Kayitani: Urumva ukuntu ayo ayo mafaranga ari menshi cyane Ndagije? Ibyiza wowe ujye ugura agacupa kamwe cyangwa tubiri utunywere mu rugo. Kujya mu kabari ubigabanye. Nugura rimwe n'umugore wawe umugurire agasoda musangirire hamwe mwishime mwembi, muganire ku iterambere ry'urugo bizajya bituma utanywa inzoga

nyinshi kandi unakoreshe amafaranga make.

Kayitani: Do you realize how much money that is, Ndagi? It would be better if you bought one or two bottles and drank them at home. Reduce how often you go to the bar. And once in a while, buy a soda for your wife — drink together, enjoy the moment, and talk about how to improve your home. That way you'll drink less and spend less too.

37. Ndagije: (Yishimye) Kayita, urakoze ku nama nziza ungiriye. Uhereye none ni ko nanjye nzajya mbigenza. Sinajyaga ntekereza ko nkwiye gutwara amafaranga yo kugura agacupa kamwe cyangwa tubiri gusa... Kandi Kayita, nkubwire, izi nama ungiriye zimpaye imbaraga zo kujya gukora akazi uyu munsu.

Ndagije: (Happily) Kayita, thank you for the great advice. Starting today, that's exactly what I'll do. I never thought it made sense to carry money for just one or two drinks... And let me tell you, Kayita — the advice you gave me has given me the strength to go to work today.

Scene 2 - IPV & Children

Ihohorerwa rikorerwa mu ngo rigira ingaruka ku myigire y'abana nko gusiba ishuri, gutsindwa, ndetse no kuva mu ishuri.

Violence at home affects children's education—causing absenteeism, poor performance, or dropping out.

Gakuba, Kayitesi na mwalimu kwa Gakuba na Kayitesi ku manywa.

Gakuba, Kayitesi and the teacher at Gakuba and Kayitesi's home during the day.

SFX: Inyoni n'ibisiga byumvikana hakurya no hakuno. Inkoko zumvikana zitora hafi aho.

SFX: Birds chirping from near and far. Chickens clucking as they peck nearby.

1. Gakuba: (Arakaye) Ampayinka data nsanze bitarashya Kayite? Niko ye, byagenze bite ko watinze kubitegura?

Gakuba: (Angrily) Goodness gracious! I find the food's not even ready yet, Kayite? What happened—why are you so late preparing it?

2. Kayitesi: Wahora n'iki Gaku, ugira ngo se nje sibwo nkiva mu murima? Uyu munsu natinze mu murima, nashakaga kuharangiza hose. Ni cyo cyankereje. Ariko ihangane mu kanya biraba bihiye turye.

Kayitesi: Calm down, Gaku. You think I didn't just come back from the fields? I stayed longer than usual today because I wanted to finish everything. That's what delayed me. But just be patient, the food will be ready soon and we'll eat.

3. Mwarimu: (Asuhurize hirya)

Teacher: (Greeting from a distance)

4. Gakuba: (Yikirize)

Gakuba: (Responds)

5. Kayitesi: Mbese ni wowe mwali? Ni karibu hano iwacu.

Kayitesi: Oh, it's you, miss! You're very welcome to our home.

6. Gakuba: Ni amahoro ko mudusuye aya masaha Mwali?

Gakuba: Is everything alright for you to visit us at this hour, Teacher?

7. Mwalimu: Yego ni amahoro, nari nje ngo tuganire ku kibazo cya Mucyo umwana wanyu nigisha.

Teacher: Yes, all is well. I came so we could talk about an issue concerning Mucyo, your child whom I teach.

8. Kayiteisi: (Agize ubwoba) Mucyo se yaba yakoze ayahe makosa kw'ishuri koko?

Kayitesi: (Worried) Did Mucyo do something wrong at school?

9. Gakuba: Nanjye ubwo ndatunguwe. Ubusanzwe Mucyo yagiraga imyifatire myiza. Yaba se yatangiye nguhindurwa n'iki koko? Reka muhamagare aze hano adusobanurire icyabimuteye.

Gakuba: I'm also surprised. Mucyo has always behaved well. What could have changed him now? Let me call him so he can come explain to us what's going on.

10. Mwalimu: Oya nimumwihorere akomeze yikinire n'abandi bana. Kandi nta n'amakosa yakoze rwose pe.

Teacher: No, let him continue playing with the other children. He hasn't done anything wrong at all.

12. Kayitesi: (Yiruhutse) Nari ngize ubwoba rwose. Ngira ngo hari ikosa yakoze.

Kayitesi: (Relieved) I was really worried. I thought he'd done something wrong.

13. Gakuba: None se niba nta makosa yakoze, ni ikihe kibazo afite mwari?

Gakuba: So if he hasn't done anything wrong, then what's the issue, Teacher?

14. Mwarimu: Buriya rero, iyo Mucyo ari mu ishuri ubona ibitekerezo bye biri ahandi. Ntakurikire ibyo mwarimu yigisha hari n'igihe aba asinzira mu ishuri. Niwe mwana ugira amanota make mu ishuri kandi agakunda no gusiba ishuri.

Teacher: Well, when Mucyo is in class, you can tell his mind is elsewhere. He doesn't follow the lesson, and sometimes he even sleeps during class. He has the lowest grades in the class and is often absent from school.

15. Gakuba: Yampayinka data ibyo se birashoboka Mwali? Hoya, hoya rwose ntabwo narinziko Mucyo yakwitwara gutyo.

Gakuba: Oh my goodness, is that really possible, Teacher? No, no — I truly didn't think Mucyo could behave that way.

16. Mwalimu: (Mu ijwi ryoroheje) Nanjye simbizi ni yo mpamvu nje kubareba nk'ababyeyi b'umwana mbereye umurezi kugira ngo ukaganire tubwizanye ukuri ninabwo tumenya ikibazo Mucyo afite.

Teacher: (In a soft voice) I don't know either — that's why I came to see you, as the parents of the child I teach, so we can talk honestly together. That's the only way we'll understand what Mucyo is going through.

17. Kayitesi: Nta kibazo twaganira.

Kayitesi: No problem, we can talk.

18. Mwalimu: Rero hari igihe mu rugo haba hafi imyifatire n'ibikorwa bimwe na bimwe bikaba byagira ingaruka ku myigire y'umwana.

Teacher: Sometimes, certain behaviors or events in the home can affect a child's ability to learn.

19. Kayitesi: Ubwo ni nk'ibihe?

Kayitesi: What kind of things do you mean?

20. Mwarimu: Navuga nk'amakimbirane hagati y'ababyeyi. Nko kuba ababyeyi batongana umwana abyumva cyangwa akabimenya, kurwana, kubwirana amagambo

mabi no guhohoterana mu buryo bunyuranye — byose bishobora kugira ingaruka ku myigire y’umwana. Urugero, niba ababyeyi baraye barwana umwana ari aho abareba, iryo joro ntabwo asinzira.

Teacher: For example, conflict between parents — if they argue and the child hears or knows about it, or they fight, speak harshly to each other, or hurt each other in different ways — all of that can impact the child’s learning. If a child witnesses the parents fighting at night, they won’t be able to sleep that night.

21. Gakuba: Cyakora reka ndeke kubihakana da. Hari igihe tutumvikana tugatongana ndetse no kurwana bikazamo ariko Mucyo nta we uba yamukubise cyangwa ngo agire ikindi amutwara pe!

Gakuba: Honestly, I won’t deny it. Sometimes we don’t agree and end up arguing — sometimes even fighting — but no one has ever hit Mucyo or taken anything from him!

22. Mwalimu: Nubwo bwose mutamukubita ariko intonganya hagati y’ababyeyi zigira ingaruka ku bana. Ayo magambo mabi mubwirana n’ibindi bikorwa wise ibyo gutongana ngo hakaziramo no kurwana, ibyo bikorwa mugirana hagati yanyu nk’ababyeyi ni byo bituma umwana atangira kubaho yihebye, akangirika no mu marangamutima ye! Uribuka mukiri abana, mwabonye ababyeyi banyu barwana?

22. Teacher: Even if you don’t beat him, conflicts between parents affect children. The harsh words you say to each other and other actions like arguing or even fighting—those things you do as parents are what cause a child to become withdrawn and emotionally damaged! Do you remember when you were children, did you see your parents fighting?

23. Kayitesi: (Abivugana impungenge ababaye) Nyagasani we! Burya bwose twiyiciraga umwana tutabizi.

Kayitesi: (With worry and sadness) Oh God! So all this time we were destroying our child without knowing it.

24. Mwalimu: Cyane rwose, ikindi kandi byatumye atakaza umwete wo gukurikira mu ishuri, mu gihe abandi bana bakurikiye mwarimu, we akaba ari gutekereza ku makimbirane yabaye iwabo. Yibonera amashusho y’ukuntu papa we na mama we baraye barwana, ibyo bigatuma atsindwa mu ishuri ndetse akaba yanarivamo.

Teacher: Absolutely. It has made him lose the motivation to follow lessons at school. While other children are paying attention to the teacher, he is thinking about the fights at home. He sees images of how his father and mother fought the night before. That’s what causes him to fail, and it could even lead him to drop out of school.

25. Gakuba: (Bimuteye ubwoba) Kurivamo kandi biragaca hirya. Mucyo wanjye agomba kuzaba dogiteri sinifuza ko yacikiriza amashuri.

Gakuba: (Worried) Dropping out — that would be a disaster. My Mucyo is supposed to become a doctor, I don’t want him to stop his studies.

26. Mwalimu: Hari undi mwana nigishije afite ikibazo nk’icya Mucyo. Uwo mwana mbere yari umuhanga cyane agira amanota meza, ababyeyi be batangira guhohoterana bituma wa mwana atangira gusiba ishuri, birangira anarivuyemo.

Teacher: I once taught another child who had the same problem as Mucyo. That child used to be very smart and got good grades, but when his parents began to abuse each other, he started missing school and eventually dropped out.

27. Kayitesi: (Ababaye) Birababaje disiiii! Uwo mwana yararenganye pe! Ibi ntibikabe ku mwana wacu dukunda cyane.

Kayitesi: (Sadly) That's truly heartbreaking! That child was wronged! May this never happen to our beloved child.

28. Gakuba: Tubigenze dute kugira ngo tutazongera kurwanira no gutonganira mu maso y'umwana wacu koko?

Gakuba: What should we do so that we stop fighting and arguing in front of our child?

29. Mwalimu: Igihe cyose mugiranye ikibazo mujye mugana abo mu muryango mwizeye, cyangwa se IZU wo mu mudugudu wanyu abafashe kugikemura.

Teacher: Whenever you have a problem, seek support from trusted family members, or go to the IZU (Inshuti z'Umuryango) in your village who can help resolve it.

30. Bombi: Bamushimire cyane. Ohhh! Izi nama utugiriye ni nziza rwose.

Both: Thank her very much. Ohhh! The advice you've given us is really good.

31. Gakuba: Urakoze cyane mwali, niko tugiye kujya tubigenza rwose.

Gakuba: Thank you very much, Teacher — that's how we're going to handle things from now on.

Scene 3 - Use non-violent communication

Rwangabo, Nirere, Nkubito na Mukamwiza kwa Rwangabo ku mugoroba.

Rwangabo, Nirere, Nkubito and Mukamwiza at Rwangabo's home in the evening.

SFX: Umugoroba woroheje, turumva amajwi y'ihene, inkoko n'imishwi yazo.

SFX: A calm evening, with sounds of goats, chickens, and their chicks.

1. Rwangabo: Kwa Nkubito mwiriwe mwiriwe!

Rwangabo: Hello, hello to everyone at Nkubito's home!

2. Nkubito: Yego yego Rwangabo we!

Nkubito: Yes, yes, Rwangabo!

3. Rwangabo: Mvuye ku cyuma ndavuga nti reka mbamanukanire ifu ya y'imyumbati wasize ngo nyisye mu cyuma.

Rwangabo: I just came from the mill and thought I'd drop off the cassava flour you asked me to grind for you.

4. Nkubito: Harya ubwo ni angahe tukwishyura Rwanga?

Nkubito: So, how much do we owe you for it, Rwanga?

5. Rwangabo: Ni igihumbi na magana abiri gusa.

Rwangabo: It's just 1,200 francs.

6. Nkubito: (Abwira Mukamwiza bategeranye) Mukamwi, umva ye, zana amafaranga 1,200 twishyure Rwangabo. Dore atuzaniye ya fu nari nasize ku cyuma.

Nkubito: (Speaking to Mukamwiza next to him) Mukamwi, hey, bring 1,200 francs so we can pay Rwangabo. He's brought us the flour I left at the mill.

6. Nkubito: (Abwira Mukamwiza bategeranye) Mukamwi, umva ye, zana amafaranga 1,200 twishyure Rwangabo. Dore atuzaniye ya fu nari nasize ku cyuma.

Nkubito: (Speaking to Mukamwiza beside him) Mukamwi, hey, bring 1,200 francs so we can pay Rwangabo. He's brought us the flour I left at the mill.

7. Mukamwiza: (Aza) Ego Mana yanjye! Ugira ngo se hari amafaranga asigaye muri uru rugo Nkubi, yose hari ibyo nayakoresheje.

Mukamwiza: (Approaching) Oh my God! Do you think there's still money left in this house, Nkubi? I already used it for some things.

8. Nkubito: Ngo hari ibyo wayagize ute Mukamwi?

Nkubito: What do you mean you used it, Mukamwi?

9. Rwangabo: Mbese ko nkubwe ra! Umva ye, nimubanze munyereke ubwiherero.

Rwangabo: But before anything — please, first show me where the toilet is.

10. Nkubito: Kata gato aho hirya y'inzu, uraba ugeze ku bwiherero. Nta mayobera ahari. Nkubito: Just take a short turn past the side of the house and you'll get to the toilet — it's easy to find.

11. Nkubito: (Mu ijwi ryoroheje) None se Mukamwi, watewe n'iki gukoresha ariya mafaranga tutabanje kubiganiraho? Ubu se Rwangabo turamwishyura iki?

Nkubito: (In a soft voice) So Mukamwi, what made you use that money without us discussing it first? How are we going to pay Rwangabo now?

12. Mukamwiza: (Asa n'urakaye!) Umva ra! Ntabwo se nashatse ko tubiganiraho ukanyima umwanya, mbonye rero utavuze ndibwira nti buriya ni ayo gukoresha hano mu rugo nta kibazo.

Mukamwiza: (Slightly angry) Listen here! Didn't I try to talk to you and you brushed me off? When you said nothing, I figured the money was meant to be used for something in the house — so I went ahead.

13. Nkubito: (Yimyoze yitse imitima) Yewe ndakurenganyiriza ubusa, amakosa ni ayanjye. Iyo nza kuba naguhaye umwanya tukaganira mba nasize uzi icyo ayo mafaranga aza gukoreshwa bityo ntube wayakoresheje ibindi. Ariko ntugire ikibazo igisubizo tuzagishakira hamwe.

Nkubito: (Sighs deeply) Honestly, I blamed you unfairly—the fault is mine. If I had given you time to talk, you would have known what the money was intended for and wouldn't have used it for something else. But don't worry, we'll find a solution together.

14. Nkubito: Yego rwose uyu munsu ni njye uza kubatekerezwa ubwo bugari, mu rwego rwo kwica ikiru.

Nkubito: Alright then, today I'll be the one to cook the ugali, to make up for things.

15. Mukamwiza: (Ahimbawe) Nibyo se koko urabudutekera?

Mukamwiza: (Delighted) Really? You're going to cook for us?

16. Nkubito: Ndabikora rwose.

Nkubito: I surely will.

17. Mukamwiza: (Yishimye) Urakoze cyane Nkubito mugabo nkunda. Uyu munsu nanjye uburiri bwacu ndaza ku busasa neza, mu dufiyeri twiza twinshi tudasanze.

Mukamwiza: (Happily) Thank you so much, Nkubito, my beloved husband. Tonight, I'll make our bed so nicely, with the very best bedcovers we have.

18. Rwangabo: Yewega yewega. Narinziko nsanga rwambikanye mwarwanye kabaye.

Rwangabo: Oh my, oh my! I thought I'd walk in and find the two of you in the middle of a big fight!

19. Nkubito: (Aseke) Uti intonganya Rwanga?

Nkubito: (Laughs) You mean a fight, Rwanga?

20. Rwangabo: Iiiih, intonganya kubera yuko Mukamwiza yakoresheje amafaranga atakubwiye. Ni na cyo cyatumye nigira mu bwiherero ngo mushwane ntabwo.

Rwangabo: Eeh, a fight just because Mukamwiza spent money without telling you. That's actually why I went to the toilet — so I wouldn't hear you two arguing.

21. Nkubito: E, ubwo watwumvaga rero?

Nkubito: Oh, so you were listening to us?

22. Rwangabo: Iii. Nabumvaga.

Rwangabo: Yup, I heard everything.

23. Nkubito: Ubwo se iyo aza kuba ari wowe mwari gukemura ikibazo mute Rwanga?

Nkubito: So if it had been you in our place, how would you have solved the problem, Rwanga?

24. Rwangabo: Nk'ubu se reka nkubwire. Njye na Nirere umugore wanjye ubwo nari mu rugo hari ibyo tutumvikanyeho nisanga namubwiye nabi cyane, birangira andakariye cyane ku buryo twamaze iminsi ibiri tutavugana.

Rwangabo: Let me tell you. One time, my wife Nirere and I disagreed about something at home, and I ended up speaking very harshly to her. She got so upset that we didn't speak to each other for two full days.

25. Nkubito: Njyewe n'umugore wanjye Mukamwiza rero iyo hari ikibazo kivutse tukiganiraho twembi kandi tukizerana buri umwe akishyira mu mwanya wundi ndetse agasaba imbabazi. Kandi iyo bibaye ngombwa habaho no kwica amande nk'uko bigenze.

Nkubito: When my wife Mukamwiza and I have a disagreement, we talk it through together. We trust each other, try to see things from each other's perspective, and ask for forgiveness. And when needed, we even impose small penalties—like today.

26. Rwangabo: Ni ukuri hari ibyo mbigiyeho.

Rwangabo: Honestly, I've learned something from that.

27. Nkubito: Rwangabo rero mugabo mugenzi ubu nibwo buryo bwiza nawe ukwiye kujya ukemuramo ibibazo wagiranye n'umugore wawe.

Nkubito: So Rwangabo, my fellow man, that's the right way to resolve problems with your wife too.

28. Rwangabo: Ndatangaye ni ukuri.

Rwangabo: I'm truly surprised.

29. Nkubito: Iii, ubwo rero uze kureba igihe kiza cyo kuganira n'uwo mugore wawe mwashwanye, wenda nk'igihe mumaze kurya. Nka nimugoroba mutuje, cyangwa nk'igihe cyo kujya kuryama. Muganire mutuje.

Nkubito: Yes, so try to choose a good moment to talk with your wife — maybe after a meal, in the quiet of the evening, or just before bedtime. Talk calmly together.

30. Rwangabo: Nkubi, iyi nama ungiriye ngiye kuyubahiriza. Maze rero ntabagoye, numvise munavuga ko nta mafaranga mufite hano mu rugo, ubwo reka ntegereze naza kuboneka ubwo murambwira.

Rwangabo: Nkubi, I'll follow the advice you gave me. And don't worry — I heard you say you don't have the money right now, so I'll wait. Let me know when it's available.

31. Nkubito: Yego Rwangabo we. Kandi urakoze kutwihanganira.

Nkubito: Thank you, Rwangabo. And thanks for being so patient with us.

32. Rwangabo: Reka ntahe rero.

Rwangabo: Alright, I'll be heading home now.

Haceho akanya humvikana akazike (5 seconds)

A short silence follows (5 seconds)

Rwangabo ari hamwe n'umugore we Nirere mu buriri nijoro

Rwangabo is with his wife Nirere in bed at night.

33. Rwangabo: (Acishije make) Chr ndabigusabye rwose wihita uryama.

Rwangabo: (Gently) Sweetheart, please don't go to sleep just yet.

34. Nirere: Ariko se uramburiza iki kwiryamira Rwanga? Ndeka niryamire niba ari intonganya zawe ushaka kugarura umbwire mbimenye.

Nirere: Why are you keeping me from sleeping, Rwanga? Let me sleep — and if it's your usual arguments you're bringing back, just say so now.

35. Rwangabo: Hoya humura mugore mwiza, intonganya nta zo rwose zarangiranye n'igihe cyazo.

Rwangabo: No, don't worry, my dear wife — the arguments are over for good.

36. Nirere: Ndeka rero nisinzirire.

Nirere: Then let me go to sleep.

SFX: Gukura ambaraje aho yarihishe muni y'uburiri.

SFX: The sound of pulling out a bed mat from under the bed.

37. Rwangabo: Akira iyi mpano y'igitenge nakuguriye, ngaho kigere ndebe ko kigukwiriye ndetse kikubereye.

Rwangabo: Take this gift — a piece of fabric I bought for you. Try it on so I can see if it fits you and suits you well.

38. Nirere: (Atungurwe) Rwanga, wanguriye igitenge? Mbega impano nziza umpaye, mbega igitenge kiza. Urakoze cyane mugabo wanjye. Kirahumura neza, mu mabara meza mbese nta kabuza kirambereye rwose. Reka nkigere.

Nirere: (Surprised) Rwanga, you bought me fabric? What a lovely gift — and what a beautiful piece of cloth. Thank you so much, my husband. It smells nice, the colors are beautiful — it definitely suits me! Let me try it on.

39. Rwangabo: Urakoze gushima mugore mwiza, ahubwo hari igitekerezo nifuzaga kukugezaho.

Rwangabo: Thank you for appreciating it, my dear wife. Actually, there's an idea I wanted to share with you.

40. Nirere: Uti igitekerezo? Nguteze yombi rwose mbwira. Ni ikihe gitekerezo?

Nirere: An idea? I'm listening carefully — what is it?

41. Rwangabo: Ndifuza ko tugurisha iriya nka yacu tukavugurura iyi nzu dore yarashaje rwose.

Rwangabo: I'd like us to sell our cow and renovate this house — it's really getting old.

42. Nirere: (Atabyumva) Tugurishe inka yacu yaridufatiye runini tuvugurure inzu? Urabizi niyo iduha amata yewe n'ifumbire. Bizagenda bite nituyigurisha koko?

Nirere: (Not understanding) Sell our cow — the one we rely on — just to fix the house? You know it gives us milk, even manure. What will we do if we sell it?

43. Rwangabo: Nabitekerejeho neza mbona inzu yacu irashaje ndetse ifite n'ibindi bibazo byinshi.

Rwangabo: I've thought it through. This house is really old and has many problems.

44. Nirere: Cyakora byo iyi nzu ikeneye kuvugururwa.

Nirere: But honestly, this house really needs renovation.

45. Rwangabo: Reka tuvugurure hato itazanatugwaho inzu, ahubwo ugasanga tugiye kubaka duhereye hasi.

Rwangabo: Let's renovate it before it collapses on us — otherwise, we'd have to start building from scratch.

46. Nirere: Ndabyemeye rwose Rwanga, hagati aho ariko tugomba gukora ibishoboka byose tugahinga imyumbati myinshi tuzajyana ku isoko tukabona amafaranga menshi yo kugura indi nka.

Nirere: I agree, Rwanga. But in the meantime, let's do everything we can to grow a lot of cassava, take it to the market, and earn enough to buy another cow.

47. Rwangabo: Yego rwose icyo ni igitekerezo kiza.

Rwangabo: Absolutely — that's a great idea.

Scene 4 - Forced sex = IPV

Gukoresha imibonano mpuzabitsina uwo mwashakanye ku gahato (Forced sex)
Forced sexual intercourse with a spouse

Yozefu, Bampire, Munana na Kibibi ku ishansiye.
Yozefu, Bampire, Munana, and Kibibi at a construction site.

SFX: Kumva bahondahonda ni ku shansiye y'ubwubatsi
SFX: Sounds of hammering and construction work at a building site.

Agakino karatangira twumva abubaka.
The scene begins with the sound of builders working.

1. Munana: Niko Yoze, igihe wahereye wimyozza, urimyozza ibiki, ufite ikihe kibazo?

Munana: Hey Yoze, you've been sighing for a while. What's with the sighs — what's troubling you?

2. Yozefu: (Yongere yimyozze) Nta kibazo mfite.

Yozefu: (Sighs again) I've got no problem.

3. Munana: Nyamara ndabibona ko ufite ikibazo Yoze.

Munana: But I can see clearly that something's bothering you, Yoze.

4. Yozefu: Yewe n'ubundi nta cyo naguhisha kandi wabibonye, ubu nazengerejwe n'ikibazo cy'umugabo wo mu muryango wanjye wafunzwe azira gufata umugore we kungufu!

Yozefu: Well, I won't hide it — you already noticed. I've been disturbed by the case of a man in my family who was imprisoned for forcing his wife to have sex!

5. Munana: (Atungurwe) Ngaho re! Ngo gufata umugore we kungufu? Ubwo se byagenze bite ngo umugabo afate umugore we ku ngufu?

Munana: (Surprised) What! Forcing his own wife? How does a man end up forcing his own wife?

6. Yozefu: Uwo mugabo yaramaze igihe umugore we atamwemerera kwiterera akabariro. Ngo byabaye ngombwa ko uwo mugabo abikora ku gahato da.

Yozefu: The man had spent a long time with his wife refusing to have sex. So he decided to force himself on her.

8. Kibibi: Hanyuma se bigenda bite kugira ngo umugabo afungwe?

Kibibi: So how does it lead to the man being jailed?

9. Yozefu: Umugabo kubera ko atari azi ko ari ihohoterwa yakoreye umugore we, umugore yaramureze birangira abihaniwe. icyakora ntababeshye nanjye numvaga umugabo aba ari we uhohotewe kuko umugore yamwanze.

Yozefu: The man didn't know it was considered abuse — but the wife reported him, and he

ended up being punished. To be honest, I also used to feel like the man was the one being wronged — because his wife rejected him.

10. Munana: Mwa bagabo mwe, kuba umugore atiteguye ko mutera akabariro ntabwo ari ihohoterwa aba agukoreye.

Munana: My fellow men, when a woman is not ready for sex, that is not abuse against you.

11. Kibibi: None se atari ryo ni iki Muna?

Kibibi: So if that's not abuse, what is it then, Muna?

12. Munana: Igihe akwemereye wabikora ariko anabyanze ugomba kubyubahiriza kuko buriya haba hari impamvu itumye abyanga. Ahubwo icyo uba ukwiye gukora ni ukanamenya impamvu atabishaka.

Munana: If she agrees, you can do it. But if she refuses, you must respect that — there's always a reason behind it. What you should do instead is talk to her and understand why she doesn't want to.

13. Kibibi: Ye? Njye numva aho mbishakiye aba agomba kubimpa.

Kibibi: Huh? I feel like if I want it, she should give it to me.

14. Munana: Ntabwo ibyo ari byo rwose, uba ukwiye gufata akanya ukaganira n'umugore wawe ku mpamvu zimutera kumva adashaka gutera akabariro, mukazishakira ibisubizo.

Munana: That's not right at all. You should take time to talk to your wife about why she doesn't want to have sex — and together, you can find a solution.

15. Yozefu: Ubwo se ibyo bishoboka bite?

Yozefu: But how is that even possible?

16. Munana: Birashoboka cyane rwose kuko nyewe iwanjye ni ko tubigenza n'umugore wanjye.

Munana: It's very possible — that's exactly how we handle it in my home, my wife and I.

17. Kibibi: Agomba guhora abishaka kuko nyewe umugabo nabishatse.

Kibibi: She should always want it because I'm her husband and I want it.

18. Munana: Reka se unyumve. Iyo nkeneye gutera akabariro ndabanza nkabiganiraho n'umugore wanjye. Yabyanga, tugafata umwanya wo kuganira ku mpamvu abyanze kuko byanze bikunze haba hari impamvu abyanze, nkamufasha kuzibonera igisubizo.

Munana: Come on, listen. When I want to have sex, I start by talking with my wife. If she refuses, we take time to talk about her reasons — there's always a reason — and I try to help her find a solution.

19. Yozefu: Ese! Njye rero yajyaga anyangira, maze sha, umujinya ukanyica, nkamubwira nabi, ngakeka ko wenda aba yanciye inyuma.

Yozefu: Really! When she would say no to me, I'd get so angry — I'd speak harshly to her, thinking maybe she was cheating on me.

19. Munana: Muje mubigenza uko mbabwiye rwose. Kuko n'umuhatiriza uzafungwa.
Munana: You should handle it the way I told you. Because if you force her, you'll end up in jail.

21. Yozefu: Yewega yewega. Umva, reka dukore akazi.
Yozefu: Oh man, oh man. Alright — let's get back to work.

SFX: Guceceka ubundi tukumva bakora bahondahonda hanumvikana inyoni n'ibisiga hakurya no hakuno ku gasozi
SFX: Silence, then the sound of hammering resumes. Birds chirp from near and far on the hillside.

Nijoro Bampire na Yozefu bararyamye.
At night, Bampire and Yozefu are in bed.

22. Yozefu: (Abanze yikokomore) Hanyuma se Bampi,
Yozefu: (Clears throat gently) So, Bampi...

23. Bampire: Ndakumva Yoze.
Bampire: I'm listening, Yoze.

25. Bampire: Oya. Atari iri joro rwose kuko ndumva nta byo nshaka.
Bampire: No. Not tonight, really — I don't feel like it.

26. Yozefu: (Yitse umutima) Nta byo ushaka? Kubera iki se mugore mwiza?
Yozefu: (Gently) You don't feel like it? Why, my beautiful wife?

27. Bampire: Ndumva naniwe cyane pe, uyu muni nahinze ahantu hanini kandi nyenyine.
Bampire: I'm really tired — today I farmed a large area, all by myself.

28. Yozefu: (N'impuhwe) Ihangane rukundo rwanjye, ntabwo byari gushoboka rwose ngo mbe nahabaye ngufashe we kuvunika.
Yozefu: (With compassion) I'm sorry, my love. I truly wish I could have been there to help, so you wouldn't have worn yourself out.

29. Bampire: (Aseke gake) Ndabizi, ntabwo byari gukunda ko uza kumfasha kuko nawe wari uri mu kazi kawe k'ubufundi. Kandi tuba tugomba gushakishiriza impande zose tugatahiriza umugozi umwe kugira ngo urugo rwacu rugere ku iterambere.
Bampire: (Smiles softly) I know — you couldn't have helped because you were busy with your construction work. And we both have to hustle from all sides and pull together if we want our home to grow.

30. Yozefu: Ni ukuri, ariko naringukumbuye cyane pe! Gusa ubwo wumva utameze neza, reka akabariro tuzagatere igihe uzaba wumva umeze neza.
Yozefu: That's true, but I really missed you! Still, since you're not feeling well, let's wait and be intimate another time — when you feel better.

31. Bampire: Yego, nanjye ndagukumbuye mugabo mwiza. Reka turuhuke, wenda bujya gucya turaba twaruhutse tugire uko twigenza.

Bampire: Yes, I missed you too, my sweet husband. Let's rest — maybe by morning we'll be rested and see how we feel.

Scene 5 - IPV against men

Rugamba na Dativa iwabo mu rugo mu gitondo. Nyuma haze Muhoza.
Rugamba and Dativa at home in the morning. Later, Muhoza arrives.

SFX: Inka yabira yungikanya, nyuma ikarekeraho.

SFX: A cow mooing repeatedly, then stopping.

Agakino karatangira twumva Telephone isona.

The scene begins with a phone ringing.

SFX: Telefoni isona

SFX: Phone ringing

1. Dativa: (Telephone igisona, arakaye) Niko Ruga, Rugamba ba urekeyaho kugaburira inka uze unsobanurire iby'uyu Muhoza uguhamaga kuri telephone uwo ari we.

Dativa: (As the phone rings, angrily) Hey Ruga, Rugamba, stop feeding the cow and come explain who this Muhoza is that's calling you on the phone.

2. Rugamba: (N'ubwira) Eee, ni Muhoza umpamagaye, mpereza iyo telephone mwitabe vuba itaravaho Dati?

Rugamba: (Politely) Yes, it's Muhoza calling me. Please hand me the phone so I can answer before it stops ringing, Dati.

3. Dativa: Erererere, banza unsobanurire uwo ari we se nyine, umuntu waguhamagaye inshuro eshanu zose akongeraho no kukwandikira message akubaza impamvu wamutengushye ntimuhurire aho mwari mwavuganye?

Dativa: Hold up — first explain who this person is! Someone who's called you five times and even sent you a message asking why you stood him up and didn't meet where you had agreed?

4. Rugamba: (Yinginga) Wa mugore we rwose sigaho, uwo Muhoza si umugore — ni umugabo w'inshuti yanjye wagombaga kundangira wa murima. Uzi ko njye nawe twemeranyije ko tugomba gushaka umurima wo kwatisha.

Rugamba: (Pleading) My wife, please stop. Muhoza isn't a woman — he's a male friend who was supposed to show me a piece of land. You know we both agreed we need to find land to rent.

5. Dativa: Ruga, utazashaka kungira injiji kandi ndi umuntu ufite ubwenge.

Dativa: Ruga, don't try to make a fool out of me — I'm an intelligent person.

6. Muhoza: (Asuhuze)

Muhoza: (Greeted them)

7. Rugamba: Mbese ni wowe Muhoza we!

Rugamba: So it's you, Muhoza!

8. Dativa: Wawawaramutseho ye!

Dativa: Oh! Good morning to you!

9. Muhoza: Niko Ruga, ni iki gituma nguhamara ntufate telephone, nakwandikira n'ubutumwa bugufi ntubusuzize?

Muhoza: Hey Ruga, why do I call and you don't pick up? I even sent you a message and you ignored it.

10. Rugamba: Dati, Muhoza wampamagaraga ni uyu, urabona ko yiyiziye no kundeba.

Rugamba: Dati, this is the Muhoza who was calling me — you can see he even came in person to meet me.

11. Dativa: Rugamba ndakuzi, ntugashake kuncurika, uyu mugabo ni uwo mufatanyije kumbeshya.

Dativa: Rugamba, I know you — don't try to trick me. This man is just someone you've teamed up with to lie to me.

12. Muhoza: Nubwo bwose ntaramenya impamvu muri Sgupfa izina ryanjye, ariko nitwa Muhoza Jean Marie niyo mazina niswe n'ababyeyi.

Muhoza: Even though I don't know why my name's being dragged into confusion, my name is Muhoza Jean Marie — that's the name my parents gave me.

13. Dativa: (Ace bugufi) Eehh, umva mbese, wishaka kumbeshya wa mugabo we — ibyo umukingiramo ikibaba nzashyira mbimenye.

Dativa: (Getting aggressive) Oh really? You're trying to lie to me, mister — whatever you're covering up for him, I'll get to the bottom of it.

14. Muhoza: Ariko se ndakubeshyera iki? Si ngiyi irangamuntu yanjye. Enda reba. Ntubona ko ari yo mazina ariho.

Muhoza: What exactly am I lying to you about? Here's my ID — go ahead and look. You'll see it's the same name.

15. Dativa: (Aciye bugufi) Yewe Muhoza Jean Marie, ndabona ari yo mazina ariho koko da. Mumbabarire kuba nari mbibeshyeho. (Agenda) Reka mbareke njye mu mirimo, musigare muganira.

Dativa: (Backing down) Well, Muhoza Jean Marie, I see those are indeed your names. Please forgive me — I must have been mistaken. (Walks away) Let me leave you two to talk while I go back to my chores.

16. Rugamba: Ngibyo ibyanjye Muho, ntaho tugukinze.

Rugamba: That's what I'm dealing with, Muho — I'm not hiding anything.

17. Muhoza: None se ubundi Ruga, ni iki gituma umugore wawe agukekera inshoreke?

Muhoza: But really Ruga, why does your wife suspect you of having a mistress?

18. Rugamba: Yewe, nta kindi kibimutera uretse gufuha. Uyu mugore aramfuhira cyane. Iyo turi kumwe, ubwo telefoni ntiba ikiri iyanjye — aba ayifite ngo acunge umpamagara, unyohereza message. Yewe narayobewe rwose. Si byo gusa kandi, buri uko ntashye yihumuriza imyenda yanjye ngo yumve niba nta mavuta y'abagore

ayihumuramo.

Rugamba: Honestly, it's just jealousy. This woman is extremely jealous. When we're together, my phone is no longer mine — she holds onto it to check who's calling or messaging me. I'm completely lost. And it doesn't stop there — every time I come home, she sniffs my clothes to check if they smell like a woman's perfume.

19. Muhoza: Ndakumva, komeza umbwire, nguteze yombi Ruga.

Muhoza: I hear you — go on, I'm all ears, Ruga.

20. Rugamba: Erega si ibyo gusa. Uriya mugore ahora ancunga, ampoza ku nkeke, ambwira amagambo mabi. Anshinja kumuca inyuma.

Rugamba: And that's not all. That woman is always monitoring me, constantly pressuring me, speaking to me harshly — accusing me of cheating on her.

21. Muhoza: (Atunguwe) Yebabawe burya bwose? Nonese Ruga, umaze igihe kingana gite ubana n'umugore wawe gutya?

Muhoza: (Surprised) Oh no — all that? So Ruga, how long have you been living like this with your wife?

22. Rugamba: Wahora n'iki wa mugabo we. Bimaze igihe kinini — ni uko nicecekerera.

Rugamba: What can I say, my brother? It's been a long time — I've just been keeping silent about it.

23. Muhoza : Ariko ntabwo ukwiye guceceka rwose, tinyuka uvuge ihohoterwa ukorerwa n'umugore wawe ndetse unashake n'ubufasha. Hari abagabo benshi rwose bahohoterwa n'abagore babo bakabatwa amafaranga, bakabakubita ariko bagatinya kubivuga.

Muhoza: But you really shouldn't stay silent—speak up about the abuse you're experiencing from your wife, and seek help. There are many men who are abused by their wives—having their money taken, even being beaten—but they're too afraid to talk about it.

24. Rugamba: Sigaho wa mugabo we, ntugashuke umugabo mugenzi wawe. Ndaguhakaniye nzakomeza nicecekerere. Ahubwo se uzi ko hari igihe njya mu kabari nkumva nakwigumirayo sintahe.

Rugamba: Stop it, my friend — don't lead your fellow man astray. I'm telling you, I'll keep quiet. In fact, sometimes I go to the bar and feel like just staying there, not going home.

25. Muhoza: Ndakubwiza ukuri ko gukomeza kubiceceka bizagutera umutima mubi cyane. Ushobora kuzashiduka amafaranga yawe uyamarira mu kabari, cyangwa abana bawe bagacikiriza amashuri bitewe n'amakimbirane yo mu rugo rwanyu.

Muhoza: I'm telling you the truth — keeping all this inside will deeply damage you. You might end up wasting all your money in the bar, or your children dropping out of school because of the conflicts at home.

26. Rugamba: None se ubu mbigenze nte Muho, ngaho ngira inama nk'inshuti yanjye.

Rugamba: So what should I do, Muho? Please give me some advice as a friend.

27. Muhoza: Mushobora kureba uwo mwizeye mu nshuti zanyu cyangwa se umwe mu bagize umuryango akabafasha. Erega buriya n'inshuti z'umuryango bakorera mu

mudugudu wanyu babafasha (IZU).

Muhoza: You could find someone you both trust — a friend or a family member — who could help mediate. And don't forget the Inshuti z'Umuryango (IZU) in your village — they support families in situations like this.

28. Rugamba: Uzi ko ntabitekerezaga? Sinabura abo nizeye nzabavugisha mbagishe inama. Muho, ndagushimiye rwose. Kuva ibi byatangira kumbaho, ni wowe mbashije kubiganiriza.

Rugamba: I hadn't even thought of that. But I do have people I trust — I'll talk to them and ask for advice. Muho, thank you so much. Since all this started, you're the only one I've been able to open up to.

29. Muhoza: Gutinyuka kuvuga ihohoterwa ukorerwa uri umugabo ntabwo biteye isoni, ahubwo ni byiza cyane kuko bituma umugabo uhohoterwa abona ubufasha bityo ntiyongere guhohoterwa. Abagabo na bo ni abantu nk'abandi — na bo bakwiye ubufasha igihe babukeneye.

Muhoza: Speaking up about abuse as a man isn't shameful — it's actually a good thing. It helps abused men get support so the violence doesn't continue. Men are human beings too — they deserve help when they need it.

30. Rugamba: Ndagushimiye cyane Muho, uwagira abantu yakagize wowe wa mfura we.

Rugamba: Thank you so much, Muho — if only everyone had someone like you, my noble friend.